# Ubuhinzi bw'U Rwanda: Imbata y'Isomo ku Kubagara

**IGIHE CYOSE:** Isaha 1 n'iminota 15

**ABAHUGURWA:** Abahinzi

**UHUGURA:** Uhugura Abahinzi

**AHO BIBERA:** Umurima/Ishuli

**INTEGO:**

- **INTEGO YA 1: Gusobanura Gusasira no kwerekana ibikoresho byiza byo gusasiza**
- **INTEGO YA 2: Gusobanura akamaro ko gusasira**
- **INTEGO YA 3: Kwerekana uko basasira, aho basasira n'igihe cyiza cyo gusasira,**

**IBIKORESHO:**

- Ibyatsi byiza bisasira kawa.
- Ibikoresho bidakwiriye gusasizwa kawa

<table>
<tr><th>IGIHE</th><th>INGINGO Z'INGENZI</th></tr>
<tr><td>Iminota 10</td><td>GUTANGIRA:<ul><li>Kwibwirana<ul><li>Uhugura</li><li>Abahugurwa</li><li>Abashyitsi</li></ul></li></ul>KWIBUKIRANYA: Intego<ul><li>Uku kwezi tuziga Gusasira.<ul><li>Tuzasobanura Gusasira no kwerekana ibikoresho byiza byo gusasiza</li><li>tuzasobanura akamaro ko gusasira</li><li>Tuzerekana uko basasira, aho basasira n'igihe cyiza cyo gusasira,</li></ul></li></ul>UMWITOZO: Gutinyurana<br>Hitamo agakino ko gutinyurana kabereye abahugurwa</td></tr>
</table>

<table>
<tr><td>Iminota 25</td><td>

**INTEGO YA 1: Gusasira no gusobanura ibikoresho byiza byo gusasiza**

**ASK**: Gusasira ni iki?

*Icyitonderwa k'uhugura: Ganira n'abahugurwa kubisubizo.*

**IGISUBIZO:** Gusasira ni ugutwikira ubutaka hakoreshejwe ibikoresho bibora

**BAZA:** Ni ibihe bikoresho byakwifashishwa mu gusasira?

**IGIKORWA: ibikoresho byo gusasira**

**IBISUBIZO:**

- Isaso nziza: ibyatsi, ibikenyeri by'amasaka, ibikenyeri by'ibigori, amashara, ibishogoshogo, ibicericeri n'ibindi…
- Isaso mbi: ibikoresho bishaje bya plactic, imyenda ishaje, ibikapu, ibyatsi bibisi bishobora guhita bimera, n'ibindi…………..

Isaso nziza ni ibikoresho bishobora kurundwa bikabozwa bitongeye kumera ngo bizane ikirare.

**IGIKORWA: Ibikoresho byo gusasira**

a) Shyira hejuru ibikoresho byo gusasira kimwe kimwe, ubaze abahinzi niba icyo gikoresho ari cyiza mu gusasira kawa.

</td></tr>
<tr><td>**10 min**</td><td>

**INTEGO 2: Gusobanura akamaro ko gusasira.**

**BAZA:** Ni akahe kamaro ko gusasira?

**IBISUBIZO: Gusasira bifite akamaro kenshi !**

- **Kugumana amazi** mu butaka: Birinda ko amazi apfa ubusa binyuze mu guhumeka (evaporation). Ni ingenzi cyane mu gihe cy'izuba; birinda imizi mito y'ibiti. Ni ingenzi cyane cyane niba nta gih shade ufite!
- **Kurinda isuri**: Birinda ko imvura ikubita ubutaka ikadutandukanya utunyorogoto tugatwarwa n'amazi.
- **Kongera amazi yinjira mu butaka neza**, hatabayeho gutemba, kuko amazi y'imvura anyura mu mulching gahoro gahoro.

</td></tr>
</table>

| | |
|---|---|
| | • **Kurinda no kongera uburumburuke bw'ubutaka** binyuze mu kongeramo ibinyabuzima byinshi. Iyo mulch ibora, ituma ubutaka bugira imiterere myiza.<br>• **Kugabanya ibyatsi bibi**: (Icyitonderwa ku mutoza: Sibutsa abahinzi uburyo bwo kurwanya ibyatsi bibi mwavuze mbere).<br>• **Kugenzura ubushyuhe bw'ubutaka**: Bituma ubutaka buguma bukonje mu gihe cy'izuba kandi bugume bushyushye mu gihe cy'ubukonje – bigafasha kurinda imizi mito y'ibiti. |
| **20 Min** | **Intego 3: Kwerekana uko basasira, aho basasira n'igihe cyiza cyo gusasira,**<br><br>**BAZA:** Ni ikihe gihe cyiza cyo gusasira ? Kubera iki?<br><br>*Icyitonderwa: Ganira n'abahugurwa kugihe cyiza cyo gusasira.*<br><br>**IBISUBIZO:**<br><br>• Nyuma yo kubagara.<br>• Mumpera z'igihe cy'imvura, mbere y'uko ubutaka bwumagara, isaso igomba kuba iteguwe umuhinzi agatangira gusasira.<br>• Numa yo gutera ifumbire kigirango itagurukanwa n'umuyaga<br>• Mu Rwanda, basasira muri Gicurasi/Kamena.<br><br>**BAZA :** Nihehe tugomba gusasira? Nigute tugomba gusasira?<br><br>**IBISUBIZO:**<br><br>• Niba ufite isaso nke, sasira munsi y'igiti cya kawa gusa kuko niho imizi igaburira kawa iba, hagati munzira.<br>Niba ufite isaso nyinshi, sasira umurima wose kuko nib wo buryo bwo kurwanya ikirare mu ikawa no kubungabunga imizi igaburira ikawa.<br><br> <br><br>**Erekana ifoto** y'umurima usasiye hose n'ibiti bisasiwe munsi y'amababi gusa |

### IGIKORWA: Gusasira

**Icyitonderwa ku mutoza:** Abahugurwa bazakora gusasira munsi y'igisenge cy'igiti (under canopy) cyangwa gusasira umurima wose (full mulching) bitewe n'ingano y'isaso ihari ku murima w'icyitegererezo.

Ku murima w'icyitegererezo, erekana uburyo bwo gusasira munsi y'igisenge cy'igiti cyangwa gusasira umurima wose:

a) Nyuma yo kwerekana, gabanya abahugurwa mu matsinda y'abantu 5.
b) Gabanya ibiti 40 mu buryo bungana hagati y'amatsinda.
c) Saba buri tsinda gusasira igice cy'ibiti bahawe.
d) Sura buri tsinda, ubahereho inama n'ubugororangingo mu gihe bari gukora igikorwa.
e) Nyuma, ongera uhuze amatsinda yose muganire ku byo mwabonye

**GUSASIRA MUNSI Y'IGISENGE CY'IGITI (UNDER CANOPY MULCHING)**

- Reba neza ko aho ugiye gusasira habanje kubagarwa neza (kubagara ukoresheje intoki).
- Hitamo kimwe mu biti 40 musasira ahantu hose abantu bashobora kubona neza.
- Tegura ibikoresho byo gusasira (niba ari birebire cyangwa byinshi cyane, bibanze ubice).
- Sasira munsi y'aho amazi aturuka ku mashami agwa (drip line), ubugari bw'isaso bube nibura **cm 4** z'ubunini.
- Reba neza ko isaso itagera ku ruti rw'igiti. Hagomba gusigara intera ya **cm 10** hagati y'isaso n'uruti. Sobanura ko ibi bigamije kurinda ko ibivumvuri byegera igiti.



| | |
|---|---|
| | **GUSASIRA UMURIMA WOSE (FULL MULCHING)**<br>• Kurikiza intambwe zavuzwe haruguru, ariko usasire munsi y'ibiti no hagati yabyo.<br>• Niba umurima uri ku musozi kandi usasira umurima wose, wibuke ko ari ngombwa gushyira isaso mu buryo butambitse ku musozi (across the slope), si mu buryo bujyanye n'umusozi.<br>**Icyitonderwa ku mutoza:** Niba utarimo kwerekana ubu buryo ku murima, shushanya igishushanyo ku kibaho (white board) kigaragaza uko isaso ishyirwa ku musozi. |
| Iminota 10 | **GUSOZA:**<br>**UMWITOZO: Isuzuma bumenyi**<br>*Icyitonderwa k'uhugura: Koresha ibibazo by'isuzuma ugenzure ugusobanukirwa utanga umurongo aho bikenewe.*<br>Baza abitabiriye ibibazo bikurikira:<br>▪ Ni gute gusasira bigabanya gukenera kubagara?<br>▪ Ni ubihe bikoresho byiza byo gusasiza?<br><br>**IBIBAZO N'IBISUBIZO**<br><br>**INTAMBWE ZIKURIKIRA**:<br>▪ Shimira abahinzi kuba bitabiriye amahugurwa.<br>▪ HAMWE, mwemeze itariki n'igihe by'amahugurwa y'abahinzi mu murima P2P. |